IGITUTU

Ahatari igitutu, nta terambere riharangwa.

IHAME RY' ICYUMWERU

Hari itandukaniro ryo kotswa igitutu no kuba wugarijwe n' ibibazo, nyamara mu buryo bwinshi birasa. Gushyuha umutwe biterwa no kugira akazi kenshi cyangwa guheranwa n' akazi bidasanzwe ,bityo ntidushobore kujya mbere kandi ntitwifuze no gusubira inyuma. Rimwe na rimwe mu bucuruzi, dukora ikintu kitagira umusaruro, maze ingaruka zo kubivamo zigakomera kurusha gukomeza uguyaguya uwo mushinga, ibyo rero bigatera umutwe gushyuha. Iyo umtwe washyushye ubangamira umuburi wawe bityo umuburi nawo ntutange umusaruro. Bishobora gutera indwara z' umubiri, harimo kubura ibitotsi, guhora ureba amafuti gusa ibi rero ugasanga biguteye umunaniro.

Igitutu hari kiba amahitamo cyane cyane iyo twifuza kugira ibyo dusoza. Kirazonga maze kikagutetereza ni uko ukisanga wateye intambwe idasanzwe. Mu mikino usanga dukora uko dushoboye kugira ngo tugere ku ntsinzi. Mu bucuruzi, turapanga, tugakora, tugahuza imbaraga maze tugakoresha byimazeyo ubutunzi dufite kugira ngo tubone ibisubizo byiza. Ugasanga twiyotsa igitutu ubwacu ndetse n' abandi mu gihe twifuza ko ikintu cy' agaciro gikorwa.

Hari ubwoko bubiri bw' abayobozi: abikoresha hamwe n'abakoreshwa , dore ko bombi botswa igitutu. Umuyobozi wikoresha areba kure akabona ibikenewe maze akiyotsa igitutu ndetse na bagenzi be kugira ngo bagere ku ntego zabo kandi birinde akaga. Naho umuyobozi ukoreshwa akorana umwete ari uko havutse ibibazo. Ibi rero bivuga umuyobozi uhora yugarijwe n' akazi n' ibintu byihutirwa bityo umutwe ugahora ushyushye. Aha rero hari itandukaniro rigaragara hagati y' igitutu no gushyuha umutwe. Igitutu gishobora kuvukamo gushyuha umutwe, ariko iyo bigenze gutya akenshi twakwibanda gusa ku ntego zacu cyangwa se tugakoresha indi nzira yadukura mu bihe by' igitutu igihe tubishatse.

Abayobozi bikoresha bakunze guharura inzira abandi bazacamo. Bayoborwa n' icyerekezo cy' ibigomba gukorwa. Bahangana n' ibibazo abandi batinye kwegera cyangwa se banirengagije. Bareba kure, maze bakabona ibintu nkuko byakagombye kuba, cyangwa bishobora kuba, bityo bagaharanira kubisohoza. Bakunze gutinyuka ibyo abandi batakora. Kandi bihutira gusama ibyo abandi bataye, bagakora mu gihe abandi barangaye, kandi bagatambuka aho abandi batinya. Ubuzima bwabo buhora ku gitutu bahisemo kubana nacyo. Bakabaye banyuza make cg basubike cg bagabanye intego zabo, ariko ibyo ntibabikozwa kuko bashaka kuba indashyikirwa. Barahirwa iyo bahanganye kandi bakanarangwa no kugira icyerekezo. Niba rero ushaka kuba umuyobozi mwiza ugomba kwiga gukorera ku gitutu.

INYUNGU

1. Uzagira icyiyumviro cyo kuba indashykirwa bityo bizamure izina ryawe.
2. Uziyongerera agaciro hamwe n' abandi mukorana kuko uba ushakisha uburyo bwo kwizamura gutera imbere.
3. Uziga kwakira inama/ ibitekerezo maze ukabibyazamo ibikorwa bifatika.
4. Uzakomeza kubakira ku musaruro wa kera maze ugire umwete wo gukora birenze.
5. Ntabwo uzakenera ikigutera umwete. Ahubwo uzakoresha igitutu uziremamo.
6. Uzagira imyiteguro kuko uzi neza ko inzozi n' intego z' ubuzima bisaba umurongo ugororotse.
7. Uzahanga inzira zizagufasha kugera ku ntego maze ukoreshe byimazeyo imari zawe.
8. Uzahoza amaso yawe ku nshingano/ murongo wiyemeje. Bityo ibyemezo ufata n' umwete ufite bizagutiza umurindi wo gutera imbere.
9. Uzakunda cyane guhangana. Maze ubone ko guhangana bitanga umwete wo guhanga udushya, ubufatanye ndetse no kubaka imyumvire yo kutarambirwa.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Ujye wikoresha aho gukorera ku jisho. Hitemo kandi wige guca mu buzima bw' igitutu aho guhora mu buzima bwo gushyuha umutwe. Reba kure kandi witegure igishobora kugutera. Itoze kwirinda ibiza/

Inzira ni mikorere y' IGITUTU

akaga, irinde kudindiza no kubangamira ibyifuzo bikugana ku munota wa nyuma. Kandi kugira ngo uhorane izina ryiza ni uko ugomba imyiteguro ihagije. Ishimire umuriro uzanwa n' amahiganwa akomeye.

2. Ujye ushishikazwa buri gihe mu kuba uwa mbere. Ntukajye wirara aho ugeze. Abantu bagera kuri byinshi ni abantu bafite umusaruro w' ibikorwa. Bumva ko kugera ku ntego wiyemeje bifite umumaro kurenza igiciro byagufashe cg igitutu wokejwe kugira ngo bishoboke.
3. Reba ibintu uko byakgombye kuba ariko ntubirebe uko bimeze. Mu gihe ubonye ikintu runaka ariko ntugire icyo ubikoraho ntakabuza bizahama aho biri. Niba ushakisha ubushobozi, uzabubona. Ntukajye wemera ibyakugwaho byose.Kuko ushobora kwihangira udushya. Ujye uhora kandi utyaza ubwenge ushakisha n' uburyo bushya wakoresha guhindura imikorere yawe.
4. Iyemeze gukorera munsi y' igitutu. Wikomeza kandi kuba indorerezi gusa ahubwo ube intwari ku buzima bwawe. Igitutu cyose kigira umusaraba wacyo bityo rero ugomba gusobanukirwa ko kitabayeho ntacyo wageraho.
5. Wisinzira maze ngo wibuze kureba kure. Mu gihe udafite inzozi n' umuhate, ntacyo wakwibwiriza. Ubwenge bwawe buzasemburwa no gushakisha, kugira inzozi no kureba kure. Numara kubigeraho, ubwenge bwawe buzagutera ingabo mu bitugu maze ukomeze. Urebye ni urugendo tuzengurakamo.

Ntawe wavutse ari umuyobozi. Gusa benshi muri twe dufite ubwo bushobozi, ariko bakeya nibo bashobora kubijyamo cyangwa se bagakora botswa igitutu. Abayobozi beza bafata ibyemezo bidasanzwe/ biteye inkeke, bityo bikabyara igitutu. Usanga bariyemeje guhangana n' ibibazo bahura nabyo byitambika ku ntego zabo cyangwa intumbero yabo. Bayoborwa cyane n' ubushake kandi bagafata ibibazo nk' inzitiziti zoroshye, zidakomeye nk' urukuta. Kuri bo ubuzima babufata nk' umukino wo kwikura mu bibazo kandi igitutu bagifata nacyo ni umukinnyi ubonekamo kugira ngo haboneka intsinzi. Bivuze ko hatabayeho ihiganwa nta musaruro waboneka kandi hatabayeho igitutu nta cyatera imbere.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba ufite ubushake bwo kwibwiriza cyangwa kubwiriza? Ku mpamvu yihe?
2. Ese ni kihe gitutu cyigufasha/ cyikungura ubwenge?
3. Ese ni ryari wigeze ushyuha umutwe/ guta umutwe birenze?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			